# 162: Nganirir’ibya Yesu N'iby'urukundo rwe

1.

Nganirir’ibya Yesu N'iby'urukundo rwe
N'uko yavuye mw ijuru,Ngwaz’ aducungure.
Ni yo magamb' ankwiriye, Nd'indushyi,mpindanye.
Yamviriy’ amaraso ye Ngw’anshungure, mb' uwe.

Ref:

Nganirir' ibya Yesu ( x 3) N’iby’urukundo rwe.

2.

Twagereranya n'iki Ibyo yababajwe Ntiyanze kutubambirwa Ngwadukiz’ibyaha.
Bisubiremo witonze, Ne kubyibagirwa, Ngo men’ icyo yankoreye n'uko yanshunguye.

3.

Onger' unyibuts' ibye,Mbimeny’uko biri. Bivug' uburyo bworoshye Nk'ubwiriz' umwana.N'umbonan' umubabaro, Ujy'umber' inshuti, Umbwir' iby'ubwo buntu bwe Ngo bimpumurize.

4.

Hor' ubimbwir' iteka :Ntibizandambira. Umva, ni jye munyabyaha Yesu yaj' ashaka! Erega, n'igitangaza : Mbyamamaze hose, Uwer' utagir' inenge Kumfira ndi mubi!

5.

Uzonger'ubimbwire Iteka n' ubona Yuko gukund’iby'iyi si Binyaz' umugisha.
Unyibuts' iby'isi yindi Irut' iyi cyane, Ngo mbon' Umwami w'iyo si, Antunganye, nyurwe.

Visit us at indirimbo.com